**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IBIRO BYA MINISITIRI**

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N°...001.../2019 YO KU WA 01/07/2019 YEREKERANYE N'ITANGWA RY'INYONGERAMUSARURO Z'UBUHINZI (IFUMBIRE MVARUGANDA N'IMBUTO Z'INDOBANURE) MURI GAHUNDA YA NKUNGANIRE YA LETA MU BIHEMBWE BY'IHINGA BYA 2020A&B**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi:**

Ashingiye kuri Politiki ya Leta irebana no kongera umusaruro w'ubuhinzi mu bwinshi no mu bwiza hakoreshwa inyongeramusaruro, kugirango dushobore kubona ibiduhagije kandi dusagurire amasoko;

Ashingiye kuri Politiki y'Igihugu yo gushishikariza abahinzi guhinga ibihingwa bibafitiye akamaro kurusha ibindi bitewe n'akarere ndetse n'imiterere y'ubutaka bahingaho;

Ashingiye ku Itegeko n°30/2012 ryo kuwa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi mu Rwanda n'Itegeko N°005/2016 ryo ku wa 05/04/2016 rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda;

Ashingiye kuri Gahunda Leta yashyizeho yo kwegereza Uturere bimwe mu bikorwa by'Iterambere kugirango bagire uruhare rufatika mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo (Decentralization policy);

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

Aya mabwiriza ashyiraho umurongo ngenderwaho mu itangwa n'ikwirakwizwa ry'ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure zunganirwa na Leta, abahinzi babigizemo uruhare. Ibi ntibikuraho icuruzwa risanzwe ry'inyongeramusaruro (ifumbire n'imbuto) mu Rwanda bitanyuze muri gahunda ya nkunganire ya Leta.

1. Ibigo by'Abikorera bitanu (5) bifitanye amasezerano n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/20 mu bihembwe by'ihinga bya 2020A&B, nibyo bizatanga ifumbire mvaruganda mu Gihugu muri gahunda ya NKUNGANIRE ya Leta. Bikaba byemerewe gucuruza binyuze kuri Agro-Processing Trust Corporation Ltd (APTC) ariyo igeza izi Nyongeramusaruro zunganiwe ku bahinzi binyuze ku bacuruzi b'inyongeramusaruro (*Agro-dealers*).

2. Urutonde rw'ibyo bigo bifitanye amasezerano na RAB yo gutumiza ifumbire mvaruganda hanze y'Igihugu no kuzigeza mu Gihugu muri Gahunda ya Nkunganire ni uru rukurikira:

| N° | Amazina y'ikigo | Aho kibarizwa |
|---|---|---|
| 1 | **YARA Ltd** | P.O Box : 3390 Kigali – Rwanda<br>Tel. : +250735 518 740<br>Email: peter.ngugi@yara.com |
| 2 | **E.T.G INPUTS Ltd.** | Tel. : +250 733 664 655<br>Email: shakil.shailch@etgworld.com |
| 3 | **RWANDA FERTILIZER Company ltd** | Tel. : +250787719286<br>Email: kaddar@ocpgroup.ma |
| 4 | **ONE-ACRE FUND.** | P.O Box: 6640 Kigali<br>Tel. : +250 78 8741343<br>Email: doreen.ndishabandi@oneacrefund.org,<br>Eric.pohlman@oneacrefund.org<br>info.rwanda@oneacrefund.org |
| 5 | **A.P.I Ltd** | Tel. : +250 788 753 766<br>Email: indaptaptc@gmail.com |

3. Guhera ku itariki ya 01/07/2019 kugeza ku itariki 30/06/2020, uruhare rwa Leta ku mbuto n'ifumbire byunganirwa na Leta ruzishyurwa n'Uturere kuri ba Rwiyemezamirimo bafitanye amasezerano na RAB bavugwa muri aya mabwiriza. Abahinzi bazagura ifumbire mvaruganda ku bacuruzi b'Inyongeramusaruro (Agrodealers) bo mu Mirenge yabo ku giciro cyiza harimo Nkunganire ya Leta ku buryo bukurikira :

**IBICIRO BY'IFUMBIRE MVARUGANDA ZUNGANIWE NA LETA MU BIHEMBWE BY'IHINGA 2020A&B**

| n° | Ubwoko bw'ifumbire | Igiciro kitunganiwe (Frw /1kg) | Nkunganire ya Leta (Frw/1kg) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (Frw/1kg) |
|---|---|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: "Macro Fertilizers"** | | | | |
| 1 | UREA | 660 | 198 | 462 |
| 2 | DAP | 787 | 276 | 511 |
| 3 | NPK 17:17:17 | 724 | 109 | 615 |
| 4 | TSP | 688 | 117 | 571 |
| 5 | KCL/MOP | 664 | 153 | 511 |
| **Icyiciro cya kabiri : "Micronutrients"** | | | | |
| 6 | Ammonium Sulfate | 491 | 172 | 319 |
| 7 | Borax Penta-Hydrate | 1311 | 656 | 655 |
| 8 | Zinc Sulfate Mono-Hydrate | 1066 | 533 | 533 |
| 9 | Copper Sulfate | 2242 | 1121 | 1121 |
| | | | | |

| nº | Ubwoko bw'ifumbire | Igiciro kitunganiwe (Frw /1kg) | Nkunganire ya Leta (Frw/1kg) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (Frw/1kg) |
|---|---|---|---|---|
| **Icyiciro cya gatatu: " Compounds/Blends"** | | | | |
| 10 | Urea + Sulfur (40N+5.5S) | 698 | 131 | 567 |
| 11 | NPK 23-10-5 + S, Z, Mg | 707 | 136 | 571 |
| 12 | NPK 15-9-20 + S, B, Zn, Mg, Mn | 773 | 138 | 635 |
| 13 | 15 N +25.6% CaO + B, | 686 | 40 | 646 |
| 14 | NPK 5-7-5-5 + B, Zn, Cu, Mg, Fe, Mn, Mo | 6776 | 341 | 6435 |

4. Abacuruzi b'ifumbire bashobora kugabanyiriza ibiciro abahinzi kugirango bagure ifumbire ku giciro gito, ariko ntabwo bemerewe kuzamura ngo barenze ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'ifumbire ikenewe.

5. Ifumbire mvaruganda zunganirwa na Leta ku buryo bukurikira: DAP 35%, UREA 30%, NPK 17.17.17 15%, KCL na TSP zunganirwa hagati ya 18% na 36%, izo mu cyiciro cya kabiri (Micronutrients) zikunganirwa 50% naho izo mu cyiciro cya gatatu (NPK Compounds/Blends) zikunganirwa hagati ya 5% na 20%. Nkunganire kuri buri bwoko bw'ifumbire ishingira ku ntungagihingwa gifite z'ibanze zikenewe mu butaka bw'u Rwanda;

6. Ibihingwa Leta izunganira ku mafumbire mu bihembwe by'ihinga bya 2020 A&B ni ibi bikurikira: **ibigori, ibishyimbo, ingano, soya, umuceri, ibirayi, imyumbati, urutoki, imboga n'imbuto** (*fruits*). Abahinzi bunganirwa binyuze muri gahunda ya ***"Smart Nkunganire System"***, abahinzi bose barasabwa gukoresha iyo gahunda no kuba mu matsinda ya Twigire Muhinzi;

7. Guhera mu gihembwe cy'ihinga cya 2020A, abahinzi bazandika ibyo bakeneye ku imbuto n'ifumbire byunganirwa na Leta bakoresheje ikorabuhanga ryitwa "***Smart Nkunganire system-SNS***", abahinzi biyandikisha bakoresheje Telefoni zigendanwa kuri ***774#** bagakurikiza amabwiriza. Abacuruzi b'inyongeremusaruro nabo barakangurirwa gukoresha uburyo bushya bwa MOPA "*Mobile Ordering Processing Application*" bushamikiye kuri *Smart Nkunganire System* mu kurangura no gucuruza imbuto n'ifumbire byunganiwe na Leta. By'umwihariko abahinzi barashishikarizwa gukoresha no kubyaza umusaruro gahunda zose zishamikiye kuri *Smart Nkunganire System* (*SNS*);

8. Ibigo bitanu (5) by'abikorera, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) n'abatubuzi b'Imbuto bemewe kandi bafitanye amasezerano na RAB ni bo bazatanga imbuto zunganiwe na Leta mu bihembwe by'ihinga bya 2020A&B;

9. Imbuto Leta izunganiraho abahinzi mu bihembwe by'ihinga bya 2020 A&B ni ku bihingwa by' **ibigori, soya** n'**ingano**. Abahinzi bunganirwa binyuze muri gahunda ya ***"Smart Nkunganire***

***System***", abahinzi bose barakangurirwa gukoresha iyo gahunda no kuba mu matsinda ya Twigire Muhinzi;

10. Urutonde rw'Ibigo n'abatubuzi b'imbuto z'indobanure bifitanye amasezerano na RAB yo gutubura no kugeza imbuto mu Gihugu zikoreshwa muri Gahunda ya Nkunganire ni uru rukurikira:

| **No** | **Izina ry'Ikigo** | **Aho kibarizwa** |
|---|---|---|
| 1 | Kenya Seed Company | P.O. Box 6312 Kigali<br>Tel: +250 786870213<br>Email : james.osere@yahoo.com |
| 2 | Export Trading Group (ETG) | Tel. : +250 733 664 655<br>Email: shakil.shailch@etgworld.com |
| 3 | Murphy Chemical Rwanda Ltd | P. O. Box 598 Kigali<br>Tel: +250 788305462/ 788480403<br>Email: omugire@yahoo.com |
| 4 | WESTERN SEED CO. Ltd. | P.O. box 1022, 30200 Kitale-Kenya<br>Tel. : +250781723385/+254 705505505<br>Email: info@westernseecompany.com |
| 5 | ONE-ACRE FUND. | P.O Box 6640 Kigali<br>Tel. : +250 78 537 1414<br>Email: eric.pohlman@oneacrefund.org |
| 6 | RAB | P. O. Box 621 Kigali<br>Tel: 4675<br>Email: info@rab.gov.rw |
| 7 | Abatubuzi b'imbuto bujuje ibisabwa, bemewe kandi bafitanye amasezerano na RAB | Urutonde rwabo ruri ku mugereka w'aya mabwiriza |

**Imbonerahamwe y'ubwoko bw'imbuto z'indobanure, ibiciro byemejwe bitarimo Nkunganire ya Leta n'ibiciro birimo Nkunganire ya Leta mu bihembwe by'ihinga 2020A&B:**

a) **Ibiciro by'imbuto (Frw/1kg) y'ibigori ya Hybrid iterwa mu misozi miremire:**

| **Ubwoko bw'imbuto (Variety)** | **Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price)** | **Nkunganire ya Leta (Subsidy value)** | **Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (Farmer's price)** |
|---|---|---|---|
| H629/H628 | 2,350 | 1,810 | 540 |
| PAN691 | 2,404 | 1,442 | 962 |
| SC637 | 2,400 | 1,440 | 960 |
| WH605 | 2,390 | 1,793 | 597 |

b) **Ibiciro by'imbuto (Frw/1kg) y'ibigori ya Hybrid iterwa mu misozi iringaniye no mu bibaya:**

| **Ubwoko bw'imbuto (Variety)** | **Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi *(Total price)*** | **Nkunganire ya Leta *(Subsidy value)*** | **Igiciro cyunganiwe ku muhinzi *(Farmer's price)*** |
|---|---|---|---|
| RAB hybrid (RHM104, RHM1407, RHM1402, RHMH1520, RHMH1601) | 1,810 | 1,357 | 453 |
| PAN53 | 2,499 | 1,499 | 1,000 |
| SC403 | 2,400 | 1,440 | 960 |
| WH505/507/403/509/101 | 2,390 | 1,864 | 526 |
| H513 | 2,350 | 1,810 | 540 |

c) **Ibiciro by'imbuto (Frw/1kg) y'ibigori ya OPV ni ibi bikurikira:**

| **Ubwoko bw'imbuto (Variety)** | **Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price)** | **Nkunganire ya Leta (Subsidy value)** | **Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (Farmer's price)** |
|---|---|---|---|
| Pool 9A | 860 | 565 | 295 |
| ZM607 | 860 | 565 | 295 |
| M101 | 860 | 565 | 295 |

d) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) ya Soya:**

| **Ubwoko bw'imbuto (Variety)** | **Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price)** | **Nkunganire ya Leta (Subsidy value)** | **Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (Farmer's price)** |
|---|---|---|---|
| **Imbuto ifite icyemezo *(Certified Seed)*** | | | |
| Peka6 | 1250 | 825 | 425 |
| SB24 | 1250 | 825 | 425 |
| RWSO102/RWSO103 | 1250 | 825 | 425 |
| **Imbuto ifite ubwiza bwemewe *(Quality declared seed)*** | | | |
| Peka6 | 900 | 504 | 396 |
| SB24 | 900 | 504 | 396 |
| RWSO102/RWSO103 | 900 | 504 | 396 |



MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES - MINI...

**e) Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ingano:**

| Ubwoko bw'imbuto (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Nkunganire ya Leta (Subsidy value) | Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (Farmer's price) |
|---|---|---|---|
| Nyaruka, Gihundo, Rengerabana, Cyumba, Reberaho, Majyambere, Keza, Mizero, Kibatsi na Nyangufi | 900 | 554 | 346 |
| KS Njoro II/KS Chozi | 1,217 | 791 | 426 |

Umuhinzi yishyura imbuto ku kiguzi nyacyo cyavanywemo Nkunganire itangwa na Leta.

11. Ibi biciro ntarengwa byavuzwe haruguru bigomba kumanikwa ku miryango y'amaduka y'abacuruzi b'inyongeramusaruro bakora muri Gahunda ya Nkunganire bose (Agro-dealers), ku biro by'Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze no ku biro bya Koperative z'abahinzi n'ahandi hose hahurira abahinzi benshi.

12. Ibiciro by'ifumbire n'imbuto bigomba gukurikizwa guhera tariki 01 Nyakanga 2019 kugeza Tariki 30/06/2020. Mu gihe hari ifumbire n'imbuto byasigaye mu bihembwe by'ihingwa bishize, bicuruzwa mu bihembwe by'ihinga bikurikira hakurikijwe amabwiriza n'ibiciro bishya.
13. Ifumbire n'Imbuto z'indobanure byunganiwe na leta bizagezwa ku bahinzi binyuze kuri APTC ariyo ifite inshingano yo gukorana n'abacuruzi b'inyongeramusaruro mu turere twose tw'Igihugu. APTC igomba kugirana amasezerano yihariye y'imikoranire n'ibigo by'abikorera bitumiza ifumbire hanze n'ibitanga imbuto, ikanagirana amasezerano y'imikoranire n'abacuruzi b'inyongeramusaruro mu Turere, hagamijwe kunoza imikorere.

14. Mu gihembwe cy'ihinga 2020A, uburyo bwo gukoresha amalisiti yanditse n'intoki buzagenda buzasimburwa n'uburyo bw'ikoranabuganga "Smart Nkunganire System", abo bireba bose bakaba basabwa kubukoresha neza nyuma yo guhabwa amahugurwa ahagije azakomeza gutangwa n'Ikigo cya RAB ifatanyishe na BK TecHouse.

15. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto agomba kugira ububiko (store) bwujuje ibyangombwa byose bisabwa harimo kuba hatemberamo umwuka uhagije n'udutanda (palettes) duterekwaho imifuka y'ifumbire kimwe n'iy'imbuto byose bikabikwa ku buryo bwujuje ubuziranenge.

16. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto, akurikije ingano y'ifumbire n'imbuto bikenewe mu gace ashinzwe, agomba kuba afite buri gihe nibura ifumbire n'imbuto y'ibanze mu bubiko bwe kugirango uko abahinzi baje babishaka babibone;

17. Ubuyobozi bw'Umurenge n'Akagari burasabwa gukorana no gukurikiranira hafi imikorere y'abacuruzi bemerewe gucuruza ifumbire n'imbuto z'indobanure mu Mirenge n'utugari twabo. Abatubahirije ibisabwa bagasimburwa ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'Akarere, RAB na

APTC. Abacuruzi b'inyongeramusaruro barasabwa kujya basinyisha ***Bordereau d'expedition/Delivery note*** bahawe n'abatumiza ifumbire n'abatanga imbuto ku Mirenge bakoreramo zikagaruka kuri **APTC bitarenze iminsi cumi n'itanu (15)**.

*18.* Uwemerewe gutumiza ifumbire cyangwa imbuto agomba guha inyemezabuguzi abashinzwe kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi (APTC) akabaha na "*bordereau d'expedition/Delivery note* "iturutse muri *Smart Nkunganire System.*

19. Hashingiwe kuri "***Delivery note***" yemejwe n'Umurenge:

- Uwatumije ifumbire (***Importer/supplier)*** yishyurwa n'Akarere 100% ya Nkunganire ya Leta hagendewe ku gaciro k'ifumbire yacuruje kuri NKUNGANIRE ya Leta iyo ifumbire igeze ku mucuruzi w'Inyongeramusaruro mu Murenge kandi binyuze muri APTC),
- Ikigo cy'imbuto cyangwa Umutubuzi (*Seed supplier*) bishyurwa n'Akarere 100% by'agaciro ka Nkunganire (100% of Government subsidy) ku mbuto igihe zigeze ku mucuruzi w'inyongeramusaruro wo mu Murenge binyujijwe muri APTC kandi byemejwe n'Umurenge.

20. APTC ifite inshingano zo kumenya ko ifumbire n'imbuto byageze mu mirenge, gukurikirana no gukusanya impapuro (*collection of delivery notes*), no kuzigeza ku karere ku gihe kugirango kishyure bidatinze ba rwiyemezamirimo "*fertilizers or seed suppliers*" uruhare rwa leta. Abacuruzi b'inyongeramusaruro barasabwa gutunganya no kwihutisha inyandiko zabugenewe ku gihe hagamijwe kwihutisha akazi.

21. Nibura rimwe mu gihembwe, itsinda rigizwe n'abakozi ba RAB, aba APTC n'ab'Akarere bazajya basura buri mucuruzi w'ifumbire n'imbuto bakore ibarura ry'ifumbire n'imbuto afite mu bubiko banagenzure imicururize n'ubuziranenge bwabyo;

22. Kubera ko ubuyobozi bw'Umurenge aribwo bukurikiranira hafi umunsi ku wundi imikoreshereze y'inyongeramusaruro, Ubuyobozi bw'Umurenge bufatanyije na APTC bwemerewe kubuza utumiza ifumbire cyangwa imbuto kuyigeza mu Murenge ku mpamvu zikurikira ku buryo bw'umwihariko: iyo hakekwa magendu y'ifumbire/imbuto, iyo hakekwa kohereza ifumbire/ imbuto mu mahanga ku buryo bunyuranije n'amategeko, no kuba mu Murenge harimo kugurishwa amafumbire menshi/ imbuto nyinshi kuruta ibikenewe mu bihingwa byatoranijwe byunganirwa na Leta;

23. Kugirango igihembwe cy'ihinga kigende neza, Ubuyobozi bw'Akarere burasabwa ibi bikurikira:

a) Gukoresha inama ku gihe zo gutegura no gushyira mu bikorwa igihembwe cy'ihinga;
b) Gukora ubukangurambaga bwimbitse kuri Gahunda yo guhuza ubutaka, ibihingwa byatoranijwe, gukoresha inyongeramusaruro (imbuto nziza, ifumbire y'imborera,



MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

imvaruganda n'ishwagara) cyane ku buso buhujwe, no gushishikariza abahinzi kwiyandikisha muri Gahunda ya Smart Nkunganire.

c) Gukurikirana ibikorwa byo gutegura ubutaka bwose bushobora guhingwa mu Gihugu no kububyaza umusaruro no gukangurira abahinzi gutera imyaka ku gihe;

d) Gukurikirana ko imbuto n'ifumbire byagejejwe ku bahinzi ku gihe kandi biri gukoreshwa neza;

e) Kwita ku bikorwa byo kuhira imyaka cyane ku buso buto no kubyaza umusaruro ibishanga, ibyanya byuhirwa ndetse n'amaterasi byatunganijwe na Leta;

f) Gukangurira abahinzi ibikorwa byo kurwanya isuri no kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa nka nkongwa na cyumya byo mu bigori na kirabiranya yo mu rutoki;

g) Gushyira mu bikorwa gahunda ya TWIGIRE Muhinzi hakoreshejwe ingengo y'imari yohererejwe Uturere hibandwa cyane ku gushyira abahinzi mu matsinda, gutegura amahugurwa n'amarushanwa y'abajyanama b'ubuhinzi n'abafashamyumvire no gushyiraho imirima ntangarugero;

h) Gutegura hakiri kare no guhuza inzego zitandukanye mu bikorwa byo gusarura no gufata neza umusaruro;

i) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'intore z'ingamburuzabukene.

24. Akarere kazishyura amafaranga ya NKUNGANIRE ya Leta nyuma y'isuzuma n'iyemezwa ry'inyandiko zabugenewe, zakusanyijwe na APTC, ariko zemejwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge ifumbire n'imbuto byagejejwemo. Uturere tukazagira kandi uruhare runini mu gukurikirana uko inyongeramusaruro zitangwa n'uko zikoreshwa ndetse no kwishyura uruhare rwa Leta (*Government Subsidy*):

25. Umuntu wese uzafatwa anyereza cyangwa akoresha ifumbire cyangwa imbuto icyo zidateganirijwe azahanwa hakurikijwe amategeko kandi impande zose zisabwe kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko N° 30/2012 ryo ku wa 01/08/2013 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no m'ubworozi.

Aya mabwiriza atangiye kubahirizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/07/2019.

**Dr. Gérardine MUKESHIMANA**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES - MINAGRI